




PDP-IMANZI
IGIHANGO KIRENGERA ABANYARWANDA
CHAMA CYA KUTETEA WANANCHI
PACTE DE DEFENSE DU PEUPLE
PEOPLE'S DEFENSE PACT



ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

=====

BWANA DEO MUSHAYIDI YABURIWEIRENGERO.

Banyarwanda, banyarwandakazi namwe nshuti,

Amakuru aturutse i Kigali yatumenyesheje ko kuri uyu munsu wa gatatu tariki ya 15/09/2010 mu gitondo cya kare , Bwana Mushayidi Déo, Perezida wa PDP-IMANZI, ubutegetsi bwa Kagame bwongeye kumushimuta noneho bamukura muri gereza nkuru ya Kigali (1930) bukamuujyana ahantu hatazwi, kugeza kuri uyu mugoroba ntawe uzi irengero rye.

Turasaba abanyarwanda bose n'ishuti z'urwanda, guhamagarira Perezida Kagame kunamura icumu akareka kwica abantu no kubahohotera nkuko amaze kubigira umwunga.

Dufite impungenge kandi zifite ishingiro ko Mushayidi Déo waburanye akaba yari arindiriye gusomerwa, ubutegetsi bwa Kagame bwaba bushaka kumwica urubozo nkuko rwa bigenjereje Pasteur Bizimungu maze bakamufungura bya nyirarureshw ntacyo akimariye.

Dukurikije ibikorwa bw'ubwicanyi Leta ya Kagame imaze iminsi ikorera abatavuga rumwe nayo, dufite impungenge ko bwana Mushayidi Déo nawe yagirwa nka nyakwigendera André Kagwa Rwisereka , Bwana Denis Semadwinga, Bwana Léonard Rugambage cyangwa Madame Emeritha Munyeshuli.

Ku ruhande rwa PDP-IMANZI tubijeje kubagezaho amakuru arebana n'iki kibazo gikomeye igihe cyose turi buyabonere.

Bikorewe i Den Haag (La Haye) tariki ya 15/09/2010

Mw'izina rya PDP-IMANZI

**JEAN DAMASCENE NTAGANZWA
UMUNYAMABANGA MUKURU.**